Republic of Rwanda

nisr
NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# UBUSHAKASHATSI KU NGO ZIKORA UBUHINZI N'UBWOROZI

## 2024



## Ubushakashatsi ku ngo zikora ubuhinzi n'ubworozi

Ubushakashatsi ku ngo zikora ubuhinzi n'ubworozi ni ubushakashatsi bukorwa n'ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), butanga ishusho rusange y'ingo zikora ubuhinzi n'ubworozi mu Rwanda, harimo amakuru y'abahinzi, uburenganzira ku butaka, ikoreshwa ry'inyongeramusaruro, amakuru yerekeranye n'ibikorwa bifasha mu kubungabunga ubutaka, ubworozi, gahunda zijyanye n'iyamamazabuhinzi n'izindi gahunda za leta mu buhinzi n'ubworozi.

### Igihe ubushakashatsi bwakorewe

Ubushakashatsi ku ngo zikora ubuhinzi n'ubworozi bwakoze mu mwaka w'ubuhinzi wa 2023/2024. Bukaba ubusanzwe bukorwa buri myaka itatu.

### Aho ubushakashatsi bwakorewe

Ubushakashatsi ku ngo zikora ubuhinzi n'ubworozi bwakorewe mu gihugu hose. Ikusanyamakuru ryakozwe mu bihembwe by'ihinga byose uko ari bitatu.


### Intego y'ubushakashatsi

Intego y'ubushakashatsi ku ngo zikora ubuhinzi n'ubworozi ni ukugira ngo hatangwe ishusho rusange y'ingo zikora ubuhinzi n'ubworozi mu Rwanda. Ibi bizafasha:

- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za leta mu buhinzi n'ubworozi
- Kumenya ibibazo n'imbogamizi zikiri mu buhinzi n'ubworozi

## Imibare y'ingo zikora ubuhinzi n'ubworozi mu Rwanda

Imibare y'ingo zikora ubuhinzi n'ubworozi (muri miliyoni)





- Igabanuka ry’ingo zikora ubuhinzi n’ubworozi rigaragaza impinduka mu bukungu, aho abantu benshi bagenda bimukira mu bindi byiciro by’ubukungu bitari ubuhinzi, nko mu nganda, serivisi no mu bucuruzi.
- Ingo zikora ubuhinzi n’ubworozi zingana na 65% by’ingo zose zigera kuri miliyoni 3,29 mu Rwanda zagaragajwe muri (EICV7).

## Imiterere y'ingo zikora ubuhinzi n’ubworozi

Ingo zikora ubuhinzi n'ubworozi hagendewe ku gitsina cy’umukuru w’urugo (%)





Ijanisha ry’Abahinzi hagendewe ku gitsina




Ubushakashatsi bugaragaza ko abantu bakuru bagera kuri miliyoni 3,6 bakora ibikorwa by’ubuhinzi n'ubworozi, aho 42,9% ari abagabo naho 57,1% bakaba ari abagore. Uruhare rw’urubyiruko rufite hagati y'imyaka 16 na 30 mu buhinzi ruracyari ruto kuko bagize 30,7% by'abahinzi bose.


## Uburenganzira ku butaka (%)




Imibare irerekana impinduka nziza ku burenganzira ku butaka, aho ingo myinshi zikorera ku butaka bwabo aho bubaye buto bakabwunganira bakodesha. Ibi bifasha abahinzi gukoresha neza ubutaka, bikihutisha ishyirwa mu bikorwa rya gahunda za leta zo guteza imbere ubuhinzi.


## Imiterere y'imirima

Ingano y'ubutaka bwose buhingwa n'ingo (%)





Ugereranyije ibyavuye mu bushakashatsi bwo muri 2020 n'ubwo muri 2024, bigaragaza ko ingo nyinshi zikora ubuhinzi n'ubworozi zikorera ku butaka buto, buri munsi y'igice cya hegitari.

## Igipimo cy'ubukene mu ngo zikora ubuhinzi n'ubworozi





Mu ntara




Ubukene bugaragara cyane mu ngo zikora ubuhinzi n'ubworozi zituye mu mijyi, bitewe n'ubutaka buto, umusaruro muke, ndetse no kwishingikiriza ku buhinzi bw'amaramuko, by'umwihariko mu ingo zituye mu nkengero z'umujyi.

## Ikoreshwa ry'inyongeramusaruro


Ijanisha ry'ingo zikora ubuhinzi n'ubworozi zikoresha inyongeramusaruro




Imibare irerekana izamuka mu gukoresha inyongeramusaruro , bigaragaza ko uburyo bwo kuzibona bworohejwe, bafite ubumenyi ku byiza bwo kuzikoresha, bigaragaza impinduka nziza iganisha ku buhinzi bugezweho.

## Ibikorwa byo kuhira imyaka, kurwanya isuri no guhingisha imashini


Ingo zakoze Ibikorwa byo kuhira imyaka no kurwanya isuri (%)



## Gahunda z'iyamamazabuhinzi


### Gahunda zijyanye n'iyamamazabuhinzi (%)

Serivisi z'iyamamazabuhinzi ku ngo zikora ubuhinzi n'ubworozi ziri ku kigero cya 67,1%, aho Intara y'Iburasirazuba ifite umubare munini w'abazibonye (69,9%) mu gihe Kigali ari yo ifite umubare muto ungana na 57,6%.




## Kubungabunga ibidukikije

### Ijanisha ry'iyangirika ry'ubutaka (%)




Ingo zahuye n'ingaruka zo kwangirika k'ubutaka

### Imikoreshereze myiza y'ifumbire n'imiti irwanya udukoko (%)




Ifumbire

Imiti irwanya udukoko





Ingo zifite amakuru ku ngaruka mbi ziterwa no gukoresha ifumbire mvaruganda irenze urugero cg kuyikoresha nabi.


Ingo zifite amakuru ku ngaruka mbi ziterwa no gukoresha imiti yica udukoko

## Amatungo

Imibare y'amatungo(2023-2024)




Ijanisha ry'ingo zorora




Ingo zorora amatungo zariyongereye, cyane cyane inka n’inkoko, bigaragaza uruhare rw'ubworozi mu kwihaza mu biribwa, kwinjiza amafaranga no kubona ibikenerwa mu ngo.

